I/N.-
RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

Astrida, le 29 juin 1956..

N*1131/A.I.

ASTRIDA
2467

Impamvu :
Inka ya Rutambuka.-

Ku Mucamanza w'Urukiko rwa Territoire
à N G O M A .-

Umuntu witwa RUTAMBUKA utuye i Kigembe (Mvejuru) arinuba kuko wategetse umupolisi gufata inka ye ngo kuko itali mu mubare w'izo yagabanye na sous-chef Rwakayiru muli 1952, kandi iyo nka itigeze iburanwa mu rukiko. Rwakayiru we aravuga ko iyo nka Rutambuka yali yayihishe.

Ukibona uru rwandiko uzansobanurire uko bili n'uko byagenze, umbwire n'impamvu yaguteye kuyifatisha.-

L'Administrateur Territorial Assistant,
A. GILLET.-

xRésidence du Ruanda
Tribunal de Territoire
Aff.Rutambuka c/Rwakayiru s.c.-

Astrida,le 7 Juillet 1956

Kuli Bwana Administrateur Assistant,

Ndakuramutsa,

Nkulikije ibaruwa yawe nº1131/A.I. ya tarki 29/6/56 ibaza iby'umuntu witwa Rutambuka utuye i Kigembe mu Ntara ya Mvejuru: Ntamupolisi twohereje wo gufata inka ye ahubwo twamusezeranije ko natumvira amategeko ngo azane inka,shebuja Rwakayiru yamutaruye yarayihishe tuzohere za umupolisi agafata mu nka ze.

Impamvu ibitera niyi:

Rwakayiru s'chef yaburanye na Rutambuka ar'umugaragu we ku rubanza nº3170 rucibwa le 12/11/52.Urukiko rurabagabanya Rwakayiru asigara amugenza izo yahishe kuko aliko bigenda k'umugaragu na shebuja bamaze gutandukana. Tarki 15/6/55 Rwakayiru agaruka mu rukiko avuga ko yafashe inka ya Rutambuka yamuhishe.

Urukiko ruhamagara Rutambuka aje avuga ko inka yayitangiye ubuntu kera agihatswe na Rwakayiru muli 1940,avuga ko iyo nka yarayatse umugaragu we Kagaju.
Abacamanza babaza Rwakayiru ibimenyetso byemeza ko ali impishanyo avuga ko ikimenyetso aruko Kagaju yaburanye na shebuja Rutambuka mu rukiko rw' Intara Mvejuru nyuma y'urubanza nº3170 Kagaju akavuga ko inka Rutambuka yayitwaliye kuyihisha ashaka guhisha shebuja:Dutumira Kagaju abaliko abivuga kandi dutumira n'igitabo kilimo urubanza rwe na Rutambuka,dusanga Kagaju yaraburanishije avuga ko yayitwaye agirango ayihishe.

Tubaza Rutambuka uvuga ko yayitanze yatse Rwakayiru uruhushya ati ni kera ntarwo namwatse .Ubwo twemeza ko inka ali impishanyo kuko Rwakayiru afite ibimenyetso byemeza ubuhishe,tumutumiyo nka ngo tuyihe Rwakayiru kuko mbere y'iteka ry'Umwami w'Urwanda nº1 y'itarki 1 ukwezi kwa 4/54 kuko umugaragu wafatanagw'inka,shebuja yayitwaraga kandi u rwo rubanza rwaciwe mulicyo gihe twemeza ko tuzatuma umupolisi nkuko yaje kubikubwira aruko twayimutumye akanga kuyizana.

Nijye Juge:Nturo R, [signature]